# Ikinyamakuru k'imihindagurikire y'ikirere N°34, kigenewe abahinzi- borozi, igice cya mbere Ukuboza (01- 10), 2020

**Cyasohotse ku itariki ya 13 Ukuboza 2020**

ISO 9001:2015 CERTIFIED

## Incamake


Mu minsi icumi y'igice cya mbere, Ukuboza 2020 kuva tariki ya 01 kugeza tariki ya 10, byagaragaye ko isangano ry'imiyaga rikiri mu karere u Rwanda ruherereyemo, nubwo imvura yagabanutse mubice byinshi by'igihugu. Imvura iri munsi y'ikigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa yapimwe ahenshi mu gihugu ariko hari n'ahapimwe imvura iri mukigereranyo cy'imvura isanzwe igwa. Igiteranyo cy'imvura nyinshi yapimwe mu Ntara y'Iburengerazuba mu karere ka Rusizi ku bupimiro bwa Bugarama ahapimwe milimetero 111 mu minsi ine, naho ku bupimiro bwo ku kibuga cy'indege cya Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru hapimwe milimetero 47.7 mu minsi ine ndetse no ku bupimiro bwa Ngoma-Kazo mu Ntara y'Iburasirazuba hapimwe milimetero 46.8 mu minsi ibiri. Imvura nke iri munsi ya milimetero 10 yapimwe mu ntara y'Iburasirazuba ku bupimiro bwa Kawangire habimwe milimetero 6.5 no ku bupimiro bwa Nyagatare hapimwe milimetero 4. Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe mu gice cya mbere cy'Ukuboza, aho igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyusi (°C) 21.0 ku bupimiro bwa Gicumbi ndetse na dogere Selisiyusi 29.9 muri Rusizi ku bupimiro bwa Bugarama naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya 10.4°C muri Musanze ku bupimiro bwa Busogo na 18.7°C ku bupimiro bwa Bugarama.

## 1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya mbere cy'Ukuboza 2020.

### 1.1. Ingano y'imvura yaguye


Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi y'igice cya mbere cy'Ukuboza 2020. Muri iki gice imvura yapimwe yari iri munsi y'ikigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa ahenshi mu gihugu nubwo hanwe na hamwe mu gihugu hapimwe imvura iruta isanzwe ihagwa.




*Ikarita ya 1: Ingano y'Imvura yaguye mu gice cya mbere cy'Ugushyingo 2020*

## 1.2 Impuzandengo y’imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y’igice cya mbere cy’Ukuboza

Ufatiye ku bipimo by’igihe kirekire, ikarita ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y’igice cyambere cy’Ukuboza. Ubusanzwe iki gice kigusha imvura iri hagati ya milimetero 28.8 na milimetero 50.5; bigaragara ko ugereranyije imvura yaguye n’isanzwe igwa mu gihe kirekire, muri iyi minsi icumi imvura yabaye nke mu bice byinshi by’igihugu cyane cyane mu majyaruguru y’Intara y’Iburasirazuba no mumujyi wa Kigali.





*Ikarita ya 2: Imvura isanzwe igwa mu gice cya mbere cy’ukwezi k’ Ukuboza*

## 1.3.Umubare w’ iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w’iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya mbere mu kwezi k’Ukuboza 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni uwapimweho byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi.

Muri iki gice nibura ahantu henshi hagushije imvura hagati y’iminsi itatu n’iminsi icyenda (3-7). Mu gice cya kabiri mu kwezi k’Ukuboza hateganyijwe ko iminsi imvura izagwa iri hagati y’iminsi ibiri (2) n’iminsi ine (4).




***Ikarita ya 3: Umubare w’iminsi imvura yaguyemo***

## 1.4 Ubuhehere bw’Ubutaka

Aha turagaragaza muri rusange uko ubuhehere bw’ubutaka bwari bumeze. Ahenshi mu gihugu ubuhehere bw’ubutaka muri iyi minsi icumi y’igice cya mbere cy’Ukuboza 2020 bwari mu kigereranyo gisanzwe bitewe n’ibihe by’imvura ndetse n’ibicu byiganje byaranze iyi minsi. Hateganyijwe ko ubuhehere bw’ubutaka buzagabanuka mu gice cya kabiri cy’Ukuboza.


## 2.0. Ibipimo by’ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by’ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

## 2.1 Igipimo cy’ubushyuhe bwo hejuru

Ikarita ya 4 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by’ubushyuhe dusanzwe dupima, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo cy’impuzandengo y’igihe kirekire, mu Ntara y’Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, ndetse n’igice kinini cy’Iburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi. Mu Ntara y’Amajyaruguru, y’Iburengerazuba akaba ariho hakonje ugereranyije n’ahandi mu gihugu.


Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 21 na 26.9 ahenshi mu gihugu,uretse ku bupimiro bwa Bugarama hashyushye cyane hapimwe dogere selisiyusi 29.9




*Ikarita ya 4: Ubushyuhe bwo hejuru*

**2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi**

Ikarita ya gatanu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya dogere Selisiyusi 10.4$^{0}$C (Ku kibuga cyindege cya Musanze) na dogere Selisiyusi 18.7$^{0}$C ku bupimiro bwa Bugarama. Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane kurusha ahandi mu gihugu.




*Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hasi*

## 3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya kabiri cy'Ukuboza (tariki 11-20) 2020

### 3.1 Ikirere giteganyijwe

Hateganyijwe igabanuka ry'imvura muri iki gice cya kabiri cy'ukwezi k'Ukuboza 2020 (hagati y'italiki ya 11 n'iya 20) mu Rwanda hose ariko rikazagaragara cyane mu Ntara y'Amajyaruguru niy'Iburasirazuba. Imvura iteganyijwe izaba iri hagati ya milimetero 20 na 80 mu gihugu hose. Imvura iteganyijwe kuboneka mu gihugu mu buryo bukurikira:


**Intara y'Iburasirazuba:** Hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 20 na 50. Mu burengerazuba bwa Gatsibo na Rwamagana no mu gice kinini cy'amajyepfo ya Kirehe ndetse n'uburasirazuba bwa Ngoma hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 50. Mu burasirazuba bwa Kayonza, Gatsibo na Nyagatare hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 20 na 30. Ahandi hasigaye muri iyi ntara hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 40.

.**Umujyi wa Kigali:** Mu karere ka Gasabo n'amajyaruguru y'akarere ka Nyarugenge hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 50 mu gihe mu majyepfo ya Nyarugenge ndetse n'akarere kose ka Kicukiro hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 40.

**Intara y'Amajyepfo:** Mu karere ka Kamonyi no mu burasirazuba bwa Muhanga, Nyanza, Ruhango n'amajyaruguru ya Muhanga hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 50, mu gihe mu burengerazuba bw'akarere ka Nyaruguru na Nyamagabe muri pariki ya Nyungwe no mu nkengero zayo hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 70 na 80. Ahandi hose hasigaye hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na 70.

**Intara y'Iburengerazuba:** Akarere ka Nyabihu n'amajyaruguru y'iburasirazuba bwa Ngororero hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 50, naho mu burasirazuba bwa Rubavu, Rutsiro, Karongi n'ahasigaye muri Ngororero hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na 60. Mu turere twa Rusizi, Nyamasheke n'ahandi hasigaye mu turere twa Rubavu, Rutsiro na Karongi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 60 na 70.

**Intara y'Amajyaruguru:** Mu turere Musanze na Burera igice cya pariki y'ibirunga n'amajyepfo y' akarere ka Gicumbi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 60, ahasigaye muri iyi Ntara hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 20 na 40.




***Ikarita ya 6: Iteganyagihe ry'imvura mu gice cya kabiri cy'Ukuboza 2020.***

**3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi**

Inzego z'ubuhinzi ziragirwa inama yo gutegura ibikoresho byifashishwa mu mirimo yo kuhira cyane cyane mu bice bikunze kugira imvura idahagije ndetse no kwita ku mihingire ibika amazi mu butaka. Muri iki gice cya kabiri cy'Ukuboza ibihingwa byinshi bigeze mu gihe cyo kuzana indabo n'imiteja, imirimo izibandwaho cyane ni iyo kwita kuri ibyo bihingwa, bibagarirwa ndetse birindwa n'ibindi byonnyi. Abahinzi barashishikarizwa gukomeza kugisha inama abashinzwe ubuhinzi babegereye mu gukomeza gutegura neza imirimo ijyanye n'ubuhinzi. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.